



**Uburezi bw'Ubumenyamwuga mu bya Tekiniki
2023-2024**

MEADOWDALE CTC

UBUMENYI MU BY'UBUVUZI

Kugira uruhare mu bikorwa byihutirwa, bifatika kandi hakabaho gukorera hamwe mu gushakira ibisubizo ibibazo nyakuri isi ifite. Kwifashisha ubushakashatsi mu bya siyansi mu nzego z'ubumenyi bw'ibinyabuzima bito cyane, ubumenyi mu by'ubutabire bw'utuntu duto, ubumenyi mu byerekeye uturemangingo, ibyerekeye ubuvuzi, ibyerekeye ubudahangarwa bw'umubiri, n'imyitwarire y'ibinyabuzima. Gukarishya ubumenyi mu bikorerwa mu nzu z'ubushakashatsi nko gufata ibipimo nyakuri, tekiniki yo kwifashisha ibikoresho bitanduye, tekiniki z'utunyangingo tugize ibinyabuzima, gutanga inkingo zirinda indwara, gusukura ibikoresho byifashishwa mu gupima mikorobe mu nzu z'ubushakashatsi, no gusuzuma ibimenyetso by'ingenzi.

ISHORAMARI - UMUYOBORO WO KOHEREZA IBICURUZWA

Abanyeshuri baziga uko ibicuruzwa bivanwa ku ubitunganya bikagezwa ku mukiriya. Abanyeshuri baziga uburyo ikoranabuhanga ryifashishwa mu gukurikirana igicuruzwa binyuze mu nzira zitandukanye z'uko cyoherezwa n'uko gitwarwa kimwe n'uburyo hanzwira zikorehwa hoherezwa ibicuruzwa ku bakiriya mu buryo bukwiye kandi ku giciro cyiza.

IBYEREKEYE KURINDA UMUTEKANO W'IKORANABUHANGA

Kugaragaza no kurinda imiyoboro ishamikiye kuri interineti ibitero by'ikoranabuhanga. Kubaka no kurinda imiyoboro. Guhuza ibikoresho by'ababakoresha ikoranabuhanga na interineti.

UBURYO BWIFASHISHA IKORANABUHANGA

Gusuzumana ubushishozi apulikasiyo zijyanye n'ibigezweho kurusha ibindi muri iki gihe. Kunguka ubumenyi bufatika bw'ibikoresho by'ikoranabuhanga byo gufotora wifashishije ibikoresho by'ubugeni. Kwiga uko wakora ukanateza imbere imbuga nkoranyambaga zigezweho zifashishwa mu bikoresho by'ikoranabuhanga bigendanwa n'ibitagendanwa.

UBUMENYI MU GUKORA IMYITOZO NGORORAMUBIRI

Gusuzumana ubushishozi uburyo butandukanye bwo gukora imyitozo ngororamubiri, imyuga y'ubuvuzi bw'imiterere myiza y'umubiri no kuvura indwara binyuze mu gukora imyitozo ngororamubiri. Kwiga kwirinda no kuvura ibikomere wifashishije tekiniki zishingiye ku mahame y'imiterere y'ibice bigize ibinyabuzima n'imikorere yabyo. Inzobere mu by'ubumenyi bw'imyitozo ngororamubiri zirakenewe kugira ngo zifashe abantu muri rusange kugubwa neza.

IKORANABUHANGA

Kunguka ubumenyiringiro bwerekeye imikoreshereze y'amagambo ajyanye na mudasobwa, harimo ibice bigaragara biyigize n'ibitagaragara. Kwiga gushyira porogaramu muri mudasobwa, gusana ibyangiritse, no gukemura ibibazo ishobora kugira. Kurinda mudasobwa kwangirika uyikorera isuku. Gushyira porogaramu muri mudasobwa, gutegura, no gukemura ibibazo by'umuyoboro w'igice kigaragara cya mudasobwa n'ibiyishamikiyeho.

GUTEGURIRWA KUBA UMUFOROMO

Guteza imbere ubumenyi bwo kwita ku barwayi barwaye, bakomeretse cyangwa abafite ubumuga. Kwitegura umwuga wo gukora mu bitaro cyangwa ibigo bitanga ubufasha mu by'ubuvuzi bayobowe n'abaforomo cyangwa abadogiteri. Gusuzumana ubushishozi imyuga itandukanye y'ubuvuzi binyuze mu bumenyi ngiro bwo muri laboratwari, kwimenyereza mu mavuriro, n'amasomo ajyanye na byo. Guteza imbere imyitwarire ya kinyamwuga n'ihanamakuru ndetse no kwita ku barwayi.

GUTEGURA POROGARAMU N'IMIKINO

Kwiga ubumenyi bw'ibanze mu gutegura porogaramu z'ikoranabuhanga zoroheje. Gutegura uko bakora bakanashyiraho imikino hifashishijwe porogaramu zicuruzwa n'izo wabasha kugeraho utaziguzwe. Kwiga ururimi rukwiye rukoresha mu myubakire ya porogaramu kugira ngo wandike porogaramu zihuriza hamwe amasomo, uburyo bw'imyigire n'ibihe by'amasomo. Kwiga uburyo bwo gucunga ibyinjizwa, kugira ibakwe, kuvumbura ibigongana, n'ibyerekeye imikino y'ikoranabuhanga.

URBAN TEACHER ACADEMY

Gusuzumana ubushishozi ishami ry'uburezi n'andi mashami y'imyuga ajyanye na bwo mu muji. Guhabwa igisobanuro cyimbitse cy'umwuga wo kwigisha binyuze mu mushinga ushingiyeye ku bunararibonye n'imyigishirize ijyanye n'umuco.

STIVERS SCHOOL OF PERFORMING ARTS

SINEMA IKORWA MU BURYO BW'IKORABUHANGA RIGEZWEHO

Abanyeshuri baziga imitegurire, imitunganyirize, n'iminsonsorere y'ubwoko bunyuranye bwa filimi ngufi. Abanyeshuri baziga gukosora bri ku rwego rwa kinyamwuga, porogaramu za efe zihariye, no gukoresha kamera za HD.

GUFOTORA

Kwiga ikoranabuhanga zigezweho no kunguka ubumenyi mu by'ubugeni no gufotora muri sitidiyo. Kunguka ubumenyi shingiro mu mitekerereze, mu bya tekiniki no mu masomo ya sitidiyo. Kwiga ubumenyi shingiro bwerekeye icyumba cyijimye no gufotora wifashishije ikoranabuhanga rigezweho, gucapa inyandiko, gukoresha ibikoresho bitanga urumuri muri sitidiyo, porogaramu y'amafoto ya Adobe Creative Suite na apulikasiyo zishingiye ku mbuga z'ikoranabuhanga mbaga.

GUTEGURA NO GUKORA IKINAMICO

Iyi gahunda ikubiyemo amabwiriza mu gutegura no gukora ibice bya tekiniiki z'amasomo yo gukora ibihangano by'ubugeni. Aya masomo ategurira abanyeshuri kuzabona akazi kanyuranye karimo: gukora ku bikorwa bya Broadway, gukora mu mashami y'ubugeni ya filimi na televiziyo, kuyobora ibikorwa bigari no kuzenguruka bakora ibitaramo.

PONITZ CTC

ALLIED HEALTH

Guteza imbere ubumenyi bwo kwita ku barwayi barwaye, bakomeretse cyangwa abafite ubumuga. Kwitegura umwuga wo gukora mu bitaro cyangwa ibigo bitanga ubufasha mu by'ubuvuzi bayobowe n'abaforomo cyangwa abadogiteri . Gusuzumana ubushishozi imyuga itandukanye y'ubuvuzi binyuze mu bumenyi ngiro bwo muri laboratwari, kwimenyereza mu mavuriro, n'amasomo ajyanye na byo. Guteza imbere imyitwarire ya kinyamwuga n'ihanamakuru ndetse no kwita ku barwayi.

IKORANABUHANGA RY'IBINYABIZIGA

Gupima, kumenera amavuta no gusana ibinyabizi bitandukanye. Kwifashisha ibikoresho byo gupima biri ku rwego ruhanitse mu gukemura ibibazo no gusana urwunge rw'ibice bigize ikinyabiziga byose ari na ko habaho kwiga ubumenyi bwo guha abakiriya serivisi nziza.

IKORANABUHANGA MU BY'UTUREMANGINGO

Kuvumbura uburyo ibinyabuzima nk'utunyangingo, ibimera n'innyamanswa bishobora kwifashishwa mu gukemura ibibazo nyakuri by'ubuzima bifitanye isano n'ibyaha, inzara, ibidukikije, imirire n'ubuzima. Kwifashisha ubushakashatsi mu bya siyansi mu nzego za farumasi, ubuziranenge bw'amazi, kwifashisha isuzuma mu bya siyansi hagamijwe kuvumbura icyaha, ubuvuzi, ubumenyi bw'ibimera, ubushakashatsi, ubumenyi bwerekereye n'ibiribwa n'ubumenyi bw'ibinyabuzima bito cyane. Gukarishya ubumenyi mu bya laboratwari nko gufata ibipimo nyakuri, tekiniiki yo kwifashisha ibikoresho bitanduye, gusuka imiti ahabugenewe, gusukura ibikoresho byifashishwa mu gupima mikorobe mu nzu z'ubushakashatsi, no gusuzuma ibimenyetso by'ingenzi.

ISHORAMARI - IBARURAMARI

Kugira ubumenyi bw'ibanze mu isi y'ishoramari harimo, ubukungu, kugira no gukora imirimo y'ishoramari, ikomatanyabukungu, iyamamazabikorwa, no gutegura ibaruramari ry'umuntu ku giti cye. Kwiga ngo gukoresha ikoranabuhanga na porogaramu z'ibanze z'ishoramari kugira ngo uhabwe ibyemezo bihabwa Inzobere mu gukoresha Microsoft Office. Kumenyekanisha ibyo ukora mu buryo bwagutse n'ubumenyi bwerekereye na byo kugira ngo ukore amahitamo y'icyo uzakora kandi ube wabona akazi mu bikorwa by'ishoramari binyuranye. Gutegura ngo gushyira mu bikorwa iyamamaza bikorwa rifite imbaraga na gahunda zo gucunga ibikorwa hagamijwe gukemura ibibazo nyakuri byo mu isi y'ishoramari.

IKORANABUHANGA MU BWUBATSI

Kwiga iby'ingenzi mu bubaji, harimo gukora aho ibikoresho by'ububaji bifatishwa, gutera amadirishya n'inzugi ku nzu, kubaka ingazi no gukora igisenge. Abanyeshuri baziga kandi gukora pula bifashishije mudasobwa banateze imbere ubumenyi mu guhindura no kuvugurura inyubako.

UBUMENYI BWO GUTUNGANYA UBWIZA BW'UMUBIRI

Iyi gahunda yashyizweho bijyanye na State Board of Cosmetology. Umunyeshuri agomba kurangiza amasaha 1500 y'amahugurwa yo mu ishuri kugira ngo wuzuze ibisabwa kugira ngo ukore Ikizamini cy'Igihugu cyo guhabwa Uruhushya.

UBUTABERA NO GUHANA IBYAHA

Abanyeshuri bazitabira ibikorwa bituma bagira ubumenyigiro mu rwego rw'ubutabera no guhana ibyaha. Abanyeshuri bazagira ubumenyi bwo ku rwego rwo hejuru muri tekiniiki zo kwambika amapingu abakoze ibyaha, kugumana intwari, gukura abantu mu modoka yakoze impanuka n'icyo bakora mu gihe runaka.

UBUMENYI BWO GUTEGURA AMAFUNGURO

Gutegura amafunguro mu buryo bwa kinyamwuga, gato, n'ibikomoka ku ifarini bigategurwa mu buryo bwiza. Gupanga, gutegura, no kugaburira abantu amafunguro mu bihe bisanzwe no mu gihe cy'ibirori byo ku rwego rwo hejuru. Kugira uruhare rukomeye mu itsinda ritegura amafunguro yuzuye n'ibikorwa byihariye byo gusangira.

GUFASHA MUGANGA W'AMENYO

Guteza imbere ubumenyi bukenewe mu gufasha abaganga b'amenyo n'inzobere mu gusukura amenyo hitabwa ku murwayi, ku mirimo yo mu biro, n'inshingano zo muri laboratwari. Kwiga ibyerekeye ubuzima bwo mu kanwa h'umurwayi, kuvanga ibikoresho byifashishwa mu bijyanye n'amenyo, gushyira mu mwanya, gutegura no gutera ibyuma byifashishwa mu gupima mu kanwa, kurinda kwandura, kwica mikorobe no gutanga ubufasha mu gihe cyo kubaga iryinyo. Kwiga amahame rusange agenga ibiro, kubika amakuru y'umurwayi, no gufata ifoto y'imiterere y'iryinyo.

IKORANABUHANGA MU BYA SIYANSI

Ritegurira abanyeshuri guhanga udusha no kuba abayobozi batanga umusaruro bifashishije amahame ya siyansi, imibare, n'ubumenyi bwo gutekereza neza. Abanyeshuri bashyirwa mu nzira za ziberekeza ku bumenyi mu bya siyansi kandi bakiga ubumenyigiro bukenewe cyane ku bijyane n'ubukungu bw'isi.

UBUGENI BWO GUSHUSHANYA

Gusuzumana ubushishozi inzego zose zigize ihanamakuru ryifashisha ibishushanyo. Guteza imbere ubumenyigiro mu bijyanye no gushushanya wifashishije mudasobwa, gufotora, gusohora amafoto no gusohora amafoto yo mu buryo bw'ikoranabuhanga ryagutse.

UBUGENI BW'ITANGAZAMAKURU

Abanyeshuri biga iby'ingenzi mu byerekeye itangazamakuru mu mvugo, mu mashusho, no kwamamaza ibikorwa wifashishije sitidiyo ya televiziyo ifite ibikoresho byuzuye, laboratwari ikosorerwamo amashusho, sitidiyo ya FM, n'inzu zisakaza amajwi. Iyi gahunda yashyiriweho kubaka ubumenyingiro kugira ngo abanyeshuri bo ubwabo babashe gukora ibiganiro mu mashusho no mu bajwi maze bitangazwe. Abanyeshuri bazifashisha ubumenyi bwabo mu guhanga udushaya maze bibafashe gusuzumana ubushishozi isi barebeye mu mboni z'itangazamakuru.

IKORANABUHANGA RYEREKEYE FARUMASI

Gusuzumana ubushishozi amahame yagutse agenga farumasi, amuga y'umwuga, n'ubumenyingiro bukenewe kugira ngo ube umutekinisiye wa farumasi. Abanyeshuri baziga gusoma, gusobanura no gutanga amabwiriza y'uko imiti igomba gufatwa. Baziga uko imiti ishyirwa mu byiciro n'uko itangwa. Abanyeshuri baziga ingaruka imiti yagira ku bice bitandukanye by'umubiri, uko imiti ihuzwa, ingaruka itera n'icyo imarira umubiri bijyanye n'ingano igomba gufatwa.

Muri Dayton Public Schools nta vangura rihaba rishingiye ku bwoko, ibara ry'uruho, igihugu cy'inkomoko, igitsina, ubumuga cyangwa ikigero cy'imyaka kugira ngo ubashe kwitabira gahunda cyangwa igikorwa cyose. Kutagira ubumenyi buhagije bw'Icyongereza ntibizaba inzitizi mu kwemererwa no kwitabira gahunda z'uburezi mu mashami ya tekiniiki.